Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga
Rwashyiriweho u Rwanda
Arusha International Conference Centre
P.O. Box 6016, Arusha, Tanzania
Tel: 255 27 2504207-11/2504367-72 or 1 212 963 2850 — Fax: 255 27 2504000/2504373 or 1 212 963 2848

Umuryango w'Abibumbye

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
14/04/2014 11:12

12 Mata 2013

Kuri : Perezida w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda

Perezida Urwego rushinzwe kurangiza imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

Binyujijwe kuri : Bongani Majola, Gerefiye wa ICTR

Byanditswe na : Constant K. Hometowu
Umugenzuzi washyizweho na TPIR mu rubanza rwa Uwinkindi

Impamvu : **Raporo y'umugenzuzi ushinzwe gukurikirana urubanza rwa Jean Uwinkindi ( 1 - 31 Werurwe 2013).**

## Intangiriro, Imvo n'Imvano

1. Mbagejejeho iyi raporo nk'umukozi w'ibiro bya Gerefiye wa TPIR ushinzwe kugenzura no gukurikirana urubanza rwa Jean Uwinkindi wimuriwe muri Repubulika y'u Rwanda ngo ahaburanishirizwe, hashingiwe ku Ngingo ya 11 bis y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso[1]. Jean Uwinkindi, ubu ufungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali, yimuriwe mu Rwanda ku itariki ya 19 Mata 2012, hashingiwe ku « Cyemezo cy'Urugereko rw'Ubujurire

[1] Urubanza Porokireri aburana na Jean Uwinkindi, N°ICTR-01-79R11*bis*, Itegeko rya Gerefiye rishyiraho umugenzuzi wa kabiri wo gukurikirana urubanza rwa Jean Uwinkindi rubera mu Rwanda, 25 Nzeri 2012.

mu Rwanda n'ingoboka zajyanaga na cyo[2] ». Icyo Cyemezo cyashimangiye icyari cyafashwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kuri iyo ngingo. Urubanza rwa Uwinkindi ubu rugeze ku rwego rw'iburanisha mbanzirizarubanza.

2. Jean Uwinkindi aregwa ibyaha bibiri : Jenoside, n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu.

3. Iyi raporo ikubiyemo ibikorwa mbanzirizarubanza byabaye guhera mu kwezi kwa Werurwe 2013, harimo n'ibyo ku itariki ya 4, iya 20 n'iya 22 Werurwe 2013. Byose byakozwe mu rwego rw'ubutumwa bw'igenzura nagiyemo mu Rwanda kuva ku itariki ya 2 kugeza ku ya 6 Werurwe no kuva ku ya 18 kugeza ku ya 22 Werurwe 2013.

**4 Werurwe 2013: Itangira ry'urubanza.**

4. Mbere Urukiko Rukuru rw'u Rwanda rugizwe n'Abacamanza Alice Ngendakuliyo, Perezida, Angeline Rutazana na Cassien Nzabonimana rwari rwasohoye Itegeko rigena ingengabihe y'iburanisha, ruvuga ko iburanisha rizatangira ku itariki ya 4 Werurwe 2013.
Ku itariki ya 22 Gashyantare 2013, Urukiko rw'Ikirenga rwafashe Icyemezo cyo kutemera Icyifuzo cy'Ubwunganizi, bwavugaga ko Urukiko Rukuru nta bubasha rufite bwo kuburanisha Jean Uwinkindi. Kubera iyo mpamvu, rushingiye kuri icyo Cyemezo, Urukiko Rukuru rwatangiye kuburanisha urubanza ku itariki ya 4 Werurwe 2013, nk'uko byari biteganyijwe.

5. Mu rubanza, impande zombi zari zihagarariwe:

[2] Urubanza Jean Uwinkindi aburana na Porokireri, NºICTR-01-72R11*bis,* « Icyemezo ku bujurire bwa Uwinkindi ku Cyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda n'ingoboka bigendana », 16 Ukuboza 2011.

**Ubwunganizi:**

►Jean Uwinkindi, Uregwa

►Gatera Gashabana, Umwunganizi mukuru

►Jean Baptiste Nyibizi, Umwunganizi wungirije

**Ubushinjacyaha**

►Jean Bosco Mutangana

►Bonaventure Ruberwa

6. Urubanza rumaze gusubukurwa, Avoka mukuru wa Jean Uwinkindi, Gatera Gashabana, yamenyesheje Urukiko ko ikipe y'Ubwunganizi yahuye n'inzitizi zituma budashobora gutangira urubanza. Yavuze ko bwabonye ibaruwa Urukiko rwanditse ku itariki ya 27 Gashyantare 2013, ibusaba kurushyikiriza «Imyanzuro » yabwo kugira ngo urubanza rubone gutangira. Gashabana yavuze ko mu gitondo cy'umunsi w'iburanisha ari ho iyo baruwa yamugezeho, bityo akaba asaba Urukiko ko Ubwunganizi bwahabwa igihe cy'inyongera cyo gutanga ibyo bwasabwe. Urukiko rumubajije inzitizi yahuye na zo, Gashabana ashyigikiwe na Nyibizi na Uwinkindi, batanze ingero bavuga ko, mbere batanze Icyifuzo basaba ko hashyirwaho abapererezi bigenga, banagaragaza ikibazo cy'uko mu Nyandiko y'ibirego harimo ibice bidahinduye mu zindi ndimi.

7. Urukiko rwamwibukije ko hashize hafi umwaka Uwinkindi yoherejwe kuburanishirizwa mu Rwanda. Rwamwibukije kandi inshuro nyinshi itangiza ry'urubanza ryagiye risubikwa bisabwe n'Ubwunganizi, ruvuga ko rusanga Ubwunganizi busa n'aho butiteguye kuburana. Ni yo mpamvu rwamutegetse kurubwira izo nzitizi, kugira ngo rufatire icyo kibazo icyemezo, hanyuma urubanza rushobore gutangira.

8. Ruberwa, Umujyanama wa Porokireri, yavuze ko Ubushinjacyaha bwiteguye gutangira urubanza, agaragaza ko ahangayikishijwe n'ubukererwe bukomeje

kugaragara mu gutangira urubanza. Yavuze ariko ko Ubwunganizi buramutse busabye irindi subika ngo bubashe gushyikiriza Urukiko « Imyanzuro », atabirwanya, ariko hakarebwa ukuntu urubanza rwatangira.

9. Rumaze kumva impande zombi, Urukiko rwasubitse iburanisha umwanya muto, habaho impaka z'abacamanza. Nyuma y'isubukura, Urukiko rwatangaje ko rwemeje ko Ubwunganizi buhawe igihe gihagije cyo gutanga Imyanzuro yanditse, bugasobanura ibibazo byose buhura nabyo, mbere y'uko urubanza rutangira. Urukiko rwavuze kandi ko urubanza nirumara gutangira, ntakizarurogoya kugeza igihe ruzarangirira. Urukiko rwanategetse Ubwunganizi kutanga « Imyanzuro » yarwo bitarenze itariki ya 11 Werurwe 2013, naho Ubushinjacyaha bugatanga iyabwo bitarenze itariki ya 18 Werurwe 2013; ruvuga ko iyo myanzuro izumvwa mu iburanisha ryo ku itariki ya 20 Werurwe 2013 saa mbiri n'igice za mu gitondo. Ku bw'ibyo, iburanisha ryarasubitswe.

**20-22 Werurwe 2013: Iburanisha ryo kumva imyanzuro y'ababuranyi**

10. Urubanza rwasubukuwe saa mbiri n'igice za mu gitondo nk'uko byari biteganyijwe. Urukiko rwamenyesheje ababuranyi ko mu gitondo cy'uwo munsi rwari rwashyikirijwe ibaruwa yoherejwe n'Ubwunganizi, bityo rubusaba gusobanura ibiyikubiyemo.

11. Nyibizi, Avoka wungirije, yamenyesheje Urukiko ko Igisubizo cya Porokireri ku « Myanzuro » y'Ubwunganizi cyabugezeho ku munsi ubanziriza uw'iburanisha. Kubera iyo mpamvu, Ubwunganizi bwasabye Urukiko kubwemerera gusubika urubanza iminsi mike kugira ngo bushobore gusubiza ibibazo Porokireri abyutsa mu Gisubizo cye.

12. Jean Uwinkindi yafashe ijambo, asaba, by'umwihariko, Urukiko kwemera Icyifuzo cy'Ubwunganizi, rugasubika urubanza iminsi ibiri cyangwa itatu, kuko

iyo nyandiko yayibonye ku munsi ubanziriza uw'iburanisha, saa munani nyuma ya saa sita.

13. Ruberwa yanze icyo Cyifuzo Ubwunganizi bwari bumaze gutanga mu magambo. Avuga ko we ashingiye ku Itegeko ry'Urukiko ryo ku itariki ya 4 Werurwe 2013, yatanze Igisubizo ku Myanzuro y' Ubwunganizi mu gihe gikwiye. Yongeraho ko Ubwunganizi ari bwo bufite inshingano zo kujya gufata kopi y'Igisubizo cya Porokireri mu biro bya Gerefiye w'Urukiko.

14. Porokireri Jenerali w'u Rwanda, Martin Ngoga, wari aho mu rukiko, yavuze ko Urukiko rwagombye gukomeza kumva Imyanzuro mu magambo, kugira ngo rwe gukomeza gukoresha abantu nabi, ruta igihe kandi rupfusha ubusa umutungo. Yasobanuye ko nyuma y'ubushakashatsi Porokireri yakoze abyitondeye, yatanze, ku buryo burambuye, ibisubizo by'ibibazo byari bikubiye mu Myanzuro yanditse y'Ubwunganizi. Yavuze ko atumva impamvu Ubushinjacyaha bwakomeza kugirwa ingwate buzira kutitegura neza k'Ubwunganizi.

15. Avoka mukuru, Gashabana, yasubije ko nta gitekerezo cyo gukerereza urubanza Ubwunganizi bufite. Yavuze ko ahubwo Igisubizo Porokireri yatanze gikubiyemo ingingo nshya zikeneye gusubizwa. Yasabye Urukiko kwemera, mu nyungu z'ubutabera, gusubika urubanza kugira ngo Ubwunganizi bubone igihe cyo gutekereza ku gisubizo cyanditse buzaha Porokireri.

16. Abacamanza bamaze gufata umwanya muto wo kujya impaka, ntibemeye Icyifuzo gisaba isubika ry'iburanisha. Bavuze ko bagiye gukomeza kumva imyanzuro yo mu magambo nk'uko byari biteganyijwe. Basobanuye ko impande zombi zahawe igihe gihagije cyo gutanga Imyanzuro yazo yanditse kandi ko zombi zubahirije Itegeko ry'Urukiko. Bavuze kandi ko ibivugwa n'Ubwunganizi ko Igisubizo cya Porokireri gikubiyemo ingingo nshya nta shingiro bifite. Imyanzuro Porokireri yatanze yasubizaga ingingo zari zabyukijwe

n'Ubwunganizi mu Myanzuro yabwo yanditse. Bityo rero, Ubwunganizi bwategetswe gutanga Imyanzuro yabwo mu magambo.

17. Nyibizi, Avoka wungirije, yatangiye Imyanzuro y'Ubwunganizi avuga ko hari inzitizi Urukiko rugomba kubanza gukemura mbere y'uko urubanza rutangira:

- ✓ **Gushyiraho abapererezi bigenga b'Ubwunganizi :** Nyibizi yavuze ko igihe Uwinkindi yimurwaga avanywe muri TPIR, agiye kuburanishirizwa mu Rwanda, Guverinoma y'icyo gihugu yemeye ingingo yabanje gusabwa ko Uregwa azahabwa ibyo azakenera bikwiye kandi ko azoroherezwa mu rwego rw'Ubwunganizi. Yavuze ko ibyo azakenera birimo : ikipe y'Ubwunganizi igizwe n'abakozi bahagije ari bo Avoka mukuru umwe, Avoka wungirije umwe, abapererezi babiri n' umujyanama mu by'amategeko umwe. Yavuze ko ubu ngubu ikipe igizwe na Avoka mukuru na Avoka umwungirije, kandi ko badahagije. Yavuze ko Ubwunganizi bwandikiye Urukiko amabaruwa burugezaho icyo kibazo, ariko ko nta muti ushimishije rwatanze. Yongeyeho ko, Ubwunganizi bushingiye ku ihame ryo guhabwa uburyo bungana, bwagombye guhabwa uburyo bwo koroherezwa akazi, burimo n'igihe gihagije kuko nk'ubu Porokireri we amaze imyaka 14 ategura urubanza. Yavuze ko, ku birebana n'umupererezi, inshingano ye ari iyo kujya kureba aho abatangabuhamya bashinjura baherereye, akandika ubuhamya bwabo, kuko icyo ari kimwe mu biri mu burenganzira bw'uregwa bwo gucirwa urubanza mu buryo buboneye, nk'uko biteganywa n'Amategeko Mpuzamahanga Arengera Uburenganzira bwa muntu n'andi mategeko mpuzamahanga.

- ✓ **Guhindura Inyandiko y'ibirego mu kinyarwanda:** Nyibizi yavuze ko ibice bimwe by'Inyandiko y'ibirego bikiri mu ndimi z'icyongereza n'igifaransa, kandi Uregwa atumva izo ndimi. Yavuze rero ko ari ngombwa

ko ibyo bice bihindurwa mu kinyarwanda kuko ari rwo rurimi umukiriya we yumva, kugira ngo abashe gusobanukirwa ibyo aregwa.

- ✓ **Ikomatanya ry'ibirego:** Nyibizi yanavuze ko Uwinkindi yarezwe ibyaha bibiri : Jenoside, n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu. Yavuze ko, kubera ko ibyo byaha byombi bishingiye ku byabaye bimwe, kimwe kigomba kuvanwa mu Nyandiko y'ibirego.

18. Avoka mukuru Gatera Gashabana yashimangiye ingingo za Avoka umwungirije, avuga ko Ibyifuzo by'Ubwunganizi bishingiye ku mategeko kandi ko bigamije imikirize y'urubanza mu buryo buboneye. Yasabye Urukiko igihe cy'amezi atandatu nyuma y'ishyirwaho y'abapererezi, kugira ngo Ubwunganizi bubashe gutegura urubanza. Asanga nta kuntu umugenzacyaha yashobora gukorera anketi Ubwunganizi kandi akorera mu kwaha kumwe na Porokireri. Yavuze kandi ko icyo we n'Avoka umwungirije bashinzwe ari ugutanga imyanzuro mu izina ry'umukiriya mu gihe abapererezi bo bashinzwe kumenya aho abatangabuhamya baherereye, bakandika ubuhamya bwabo.

19. Jean Uwinkindi yashyigikiye ingingo z'Abavoka be, avuga ko benshi mu batangabuhamya be badashobora gukunda kuza gutanga ubuhamya bumushinjura baramutse bagiye gushakwa n'Ubugenzacyaha. Urukiko rwamubajije aho baherereye asubiza ko bari muri Kenya, Zambiya, Uganda, Malawi, Congo Brazzaville, Zimbabwe, Repubulika ya Afrika y'Epfo, abandi bakaba baba mu Bubiligi no mu Busuwisi; bose hamwe ni abatangabuhamya 19. Yavuze ko ubuhamya bwabo, kugeza icyo gihe bwari butarandikwa, akaba ari yo mpamvu asaba ko hashyirwaho abapererezi bigenga, bahabwa inshigano zo kumenya aho abo batangabuhamya baherereye no kwakira ubuhamya bwabo.

20. Ruberwa yarwanyije Icyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ishyirwaho ry'abapererezi bigenga. Yavuze ko icyo Cyifuzo nta tegeko na rimwe ry'u Rwanda gishingiyeho.

Yavuze ko ingingo ya 19 y'Igitabo cy'Amategeko Ahana Ibyaha mu Rwanda isobanura neza ko iperereza ry'Ubwunganizi rikorwa n'Ubugenzacyaha. Yavuze ko iyo ngingo ari yo ikurikizwa kuva imyaka karijana, akibaza rero impamvu ubu ngubu ari bwo Urukiko rwatandukira rukareka gukurikiza ibisanzwe bikorwa. Yasabye Ubwunganizi gutanga amakuru yose akenewe, arebana n'aho abo batangabuhamya baherereye kugira ngo Ubugenzacyaha butangire gusohoza inshingano zabwo nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga. Ku birebana n'abaregwa batishoboye, ibisanzwe bikorwa na TPIR bitandukanye n'ibikorwa mu Rwanda. Yashimangiye ko, kuri iyo ngingo, hagomba gukurikizwa amategeko n'imiburanishirize yo mu Rwanda. Yongeyeho ko Itegeko rigenga iyimuramanza ku baregwa boherejwe na TPIR risobanura ko iyo imanza ziburanishirijwe mu Rwanda, amategeko y'icyo gihugu ari yo akurikizwa. Yavuze ariko ko yiteguye korohereza iperereza ry'Ubwunganizi hashingiwe ku biteganywa n'Igitabo cy'Amategeko Ahana Ibyaha mu Rwanda. Yavuze kandi ko mbere y'uko Icyifuzo cya Porokireri gisaba ko Uwinkindi yimurirwa mu Rwanda cyemerwa, habayeho iburanisha mu rwego rw'Ingingo ya 11 bis maze Urugaga rw'Abavoka b'i Kigali (KBA) rugeza Imyanzuro yarwo ku Rugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR. Urwo Rugaga rwabwiye Abacamanza b'urwo Rugereko ku buryo bwumvikana ko Ubugenzacyaha ari bwo buzakora anketi mu mwanya w'Ubwunganizi. Ruberwa yatangajwe rero no kumva bamwe mu banyamuryango ba KBA basaba ibinyuranye n'ibyo Umuryango wabo wemeje mbere y'uko iyimurwa ry'urubanza ryemerwa. Yongeyeho ko Icyemezo cyo kwimura urubanza cyafashwe bizwi neza ko ibikorwa by'iperereza bizakorwa n'Ubugenzacyaha. Kubera iyo mpamvu, yasabye Urukiko kutemera Icyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ishyirwaho ry'abapererezi bigenga.

21. Ruberwa yabwiye kandi Urukiko ko bikwiye ko hakorwa ibishoboka byose ngo Uregwa acirwe urubanza ku buryo bwihuse kandi buboneye. Yavuze ko ibyo bibazo Porokireri yabisobanuriye Uregwa mu nama eshanu yagiranye na we kuva yakwimurirwa mu Rwanda, ariko ko buri gihe, Uregwa ataburaga urwitwazo

azana, harimo ngo n'uburenganzira bwe bwo kwinumira. Porokireri yanamusobanuriye ndetse ko ari ngombwa ko Ubwunganizi bumuha urutonde rw'abatangabuhamya babwo. Yavuze ko isubika ry'amezi atandatu Ubwunganizi busaba ari amayeri yo gushaka gutinza urubanza. Yavuze ko Uregwa yahawe abavoka mu gihe gikwiriye, ahabwa mudasobwa igendanwa, *printer,* uburyo bw'itumanaho, n'ibindi, mu rwego rwo korohereza Ubwunganizi akazi.

22. Ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi cyo guhindura mu zindi ndimi Inyandiko y'ibirego n'inyandiko zishingirwaho, Ruberwa yavuze ko Inyandiko y'ibirego yamaze guhindurwa n'ubifitiye ububasha. Ariko kandi mu rwego rwo kwirinda guhindura igitekerezo cya nyir'inyandiko, zimwe mu nyandiko zashingiweho ariko zikomotse mu nyandiko ziri mu ndimi zinyuranye, zagumishijwe muri izo ndimi. Icyifuzo nk'icyo cyaramutangaje kuko ibice by'inyandiko byose Uwinkindi yavuze ko bikenewe guhindurwa byose byamaze guhindurwa ndetse baranabimushyikirije. Ariko kandi Porokireri yiteguye gusemura inyandiko z'ishingiro, aramutse ahawe igihe gikwiye cyo kubikora.

23. Ku birebana n'Icyifuzo cy'Ubwunganizi cyo kuvanaho ikirego kirebana n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu, Ruberwa yavuze ko ibyo byaha byombi, jenoside n'itsembatsemba, bitandukanye kandi binyuranye; ibigize ibyo byaha biratandukanye haba mu mategeko yo mu Rwanda, haba no mu bukemuramanza bwa TPIR. Ntiyemeranywa n' Ubwunganizi aho buvuga ko ibyo birego byombi bishingiye ku byabaye bimwe. Yasabye Urukiko gukomeza urubanza no kugendera ku miburanishirize ikurikizwa mu Rwanda.

24. Ku kibazo yari abajijwe n'Urukiko, Avoka mukuru wa Uwinkindi, Gatera Gashabana, yavuze ko bije Ubwunganizi bwahawe idashobora gutuma bagura tike z'indege ngo bajye mu bihugu abatangabuhamya barimo. Amaze gusaba KBA uruhusa rwo gutanga kopi z'impapuro zigomba kugumishwa mu ibanga, zirebana n'amasezerano Ubwunganizi bwasinyanye na KBA ku nshingano zabo zo

kunganira Uregwa, yahawe urwo ruhusa kandi yemera gushyikiriza Urukiko izo nyandiko.

25. Nk'uko yari yabisabwe n'Urukiko, Uwinkindi yavuze ko ashobora gukora urutonde rw'abashobora kuzamubera abatangabuhamya kandi ko azarushyikiriza Urukiko ku wa kabiri, tariki ya 26 Werurwe 2013.

26. Urukiko rwavuze ko imirimo y'iburanisha igomba kwihutishwa, kandi ko hagomba gukorwa ibishoboka byose ngo urubanza rutangire. Rwavuze ko hashobora gukoreshwa uburyo bunyuranye ngo abatangabuhamya bashinjura bumvwe n'Urukiko: abatangabuhamya bateguriwe kuza mu rukiko imbonankubone bashobora kumvwa n'Urukiko ku buryo butaziguye; hari uburyo bw'itumanaho rikoresha amashusho bwitwa « *videolink* », cyangwa bagatanga ubuhamya mu magambo bukandikwa, babazwa ibibazo n'umukozi wagennwe kubera iyo mpamvu. Rwashimangiye ko ari ngombwa ko inyandiko z'ubuhamya zakirwa mu gihe gikwiye, ko kandi abatangabuhamya TPIR yamaze gushyira mu barindiwe umutekano bazakomeza kurengerwa n'iryo tegeko. Urukiko rwashushe kandi nk'urwemera ko bibaye ngombwa, Abavoka bashobora kwemererwa gukora iperereza. Rwasabye Ubwunganizi kubikorera bije.

27. Rumaze kumva imyanzuro y'ababuranyi, Urukiko rwabamenyesheje ko ruzasoma icyemezo cyarwo ku itariki ya 16 Mata 2013 saa tanu za mu gitondo. Rwategetse kandi Jean Uwinkindi gutanga urutonde rw'abatangabuhamya be bitarenze itariki ya 26 Werurwe 2013 kandi agaha Porokireri kopi. Nyuma y'ibyo, iburanisha ryarasubitswe.

**Inama nagiranye na Gerefiye w'Urukiko rw'Ikirenga kuri Gahunda y'u Rwanda yo kwita ku batangabuhamya**

28. Ku itariki ya 20 Werurwe 2013, nagiranye inama na Olivier Rukundakuvuga, Gerefiye Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga rwa Repubulika y'u Rwanda, dusuzuma ikibazo cy'ukuntu, igihe nikigera, abatangabuhamya bashinjura bazafashwa kandi bakarindirwa umutekano. Yavuze ko kugeza ubu, Agashami gashinzwe kwita ku batangabuhamya katarabona urutonde rw'abashobora kuzaba abatangabuhamya b'Ubwunganizi. Yasubiye mu magambo yari yavuze mbere, ko hari amazu abiri abatangabuhamya barindirwamo ateguye, akaba ari yo azacumbikwamo n'abazaza gushinjura. Yavuze kandi ko abo batangabuhamya nibamara kuboneka, hazahita hashyirwaho uburyo bwo kubatwara. Ku kibazo cy'uburyo bwateguwe ngo umutekano wabo ubungabungwe, Rukundakuvuga yasubije ko Agashami gashinzwe kurinda umutekano wabo ka Polisi y'igihugu kiteguye gufata ingamba za ngombwa zijyanye n'uwo mutekano. Yavuze ko, urutonde rwabo nirumara gutangwa, ako Gashami kiteguye guhita gatangira imirimo yako kuko gafite abakozi kari karasabye bose, barimo impuguke imwe, abagerifiye bane b'Urukiko Rukuru n'abagerefiye batatu b'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo iyo gahunda ishyirwe mu bikorwa.

**Inama nagiranye na Porokireri wa NPPA**

29. Ku itariki ya 21 Weuruwe 2013, nagiranye inama na Jean Bosco Mutangana, Umujyanama wa Porokireri, kugira ngo menye neza niba Porokireri yiteguye gutangira urubanza. Yansubije ko yiteguye kandi ambwira ko yari afite abatangabuhamya 26, bane muri bo bakitaba Imana, ariko ko ubuhamya bwabo azabushingiraho mu rubanza. Ku birebana n'ibyangombwa bikwiye bigomba guhabwa Ubwunganizi, yongeye kwemeza ko hazatangwa ibyo yari yavuze mbere muri raporo harimo ibyagenewe Uregwa nko gufungirwa mu cyumba cyihariye, guhabwa avoka urihwa na Minisiteri y'Ubutabera kandi akarihwa ku

isaha, gukoresha telefone itishyurwa, kuba Abavoka be bashobora gutelefona inshuro zose bifuza n'ibindi.

**Kubahiriza amategeko yatanzwe n'Urukiko**

N'ubwo Urukiko rwari rwategetse ko abatangabuhamya bashobora kuzashinjura bazaba ari 19 nk'uko Jean Uwinkindi yabivuze mu rukiko, nabajije uko bimeze kuri telefone, bambwira ko Jean Uwikindi yatanze urutonde rw'abatangabuhamya 72. Avoka mukuru yambwiye kandi ko Ubwunganizi bwamaze gutanga bije yabwo igenewe iperereza nk'uko byari byategetswe n'Urukiko.

30. Mbaye mbashimiye.